

Urubuga Rwifashishwa mu Gutanga Urukingo & Ubudahangarwa

Uburyo bwo Kwiyandikisha ndetse no Guteganya Gahunda yo Gufata Urukingo

Iyi Mfashanyigisho igamije gufasha abaturage ba leta ya New Hampshire guteganya gahunda zo gufata urukingo rwa COVID-19 binyuze ku Rubuga Rwifashishwa mu Gutanga Urukingo & Ubudahangarwa (VINI) muri leta ya New Hampshire. Iyi mfashanyigisho iribanda cyane ku kwisuzumisha, kwiyandikisha, ndetse no guteganya ingengabihe.




Kwisuzumisha & Kwiyandikisha

Ushobora kureba ko wemerewe guhabwa urukingo rugezweho usura urubuga www.vaccines.nh.gov hanyuma ugakanda “Do I Qualify?” Cyangwa ushobora kwisuzumisha nka kimwe mu gice kigize uburyo bwo kwiyandikisha ugahita ujya kuri “Register Now” kugira ngo wiyandikishe ufungure konti kuri VINI.

- **Kwisuzumisha:** Iki gice gikubiyemo ibibazo birebana n’imyaka yawe, umurimo, ndetse n’uko ubuzima buhagaze kugira ngo habashe kuboneka icyiciro ukwiriye kujyamo kugira uhabwe urukingo.
- **Amakuru ku Buzima:** Niba wemerewe gufata urukingo mu cyiciro kigezweho, urahita ujanwa ku bibazo birebana n’Amakuru ku Buzima.
 - Iki gice gikubiyemo ibibazo birebana n’ukwivumbura gukomeye k’umubiri, guhangana kw’abasirikare b’umubiri, abahuzabikorwa batanze urukingo ruherutse, ubudahangarwa bw’umubiri buri hasi, ndetse no gutwita. Nyuma yo gusubiza ibi bibazo, uzakomereza ku cyiciro cya mbere yo kwiyandikisha kereka niba ufite ibibazo by’ukwivumbura k’umubiri cyangwa ushaka kubanza kuganira na muganga wawe
- **Kwiyandikisha:** Kuri iki cyiciro muri ubu buryo, uzasabwa kuzuzwa umwirondoro wawe, aribyo bizagufasha gukora urukuta rwawe kuri VINI.
 - Aya makuru akubiyemo Izina, Itariki y’Amavuko, Igitsina, Ubwoko, Inkomoko, Aderesi, Amakuru y’Ubuwuzi, ndetse n’Ubwishingizi (gisubizwa ku mahitamo). Nyuma yo kuzuzwa ahasabwa hose, kanda **Submit**.

- **Amakuru kuri Imeli:** Nyuma yo kwiyandikisha, uzakira imeli yemeza ikubiyemo inzira igufasha gutangira gukoresha konti ya VINI. Imeli izaza iturutse kuri noreply_NHVMS@notices.nh.gov. Igihe utabashije kwakira imeli mu minota 10, reba mu bubiko ahagenewe imeli zidafite akamaro cyangwa uhamagare 2-1-1.

- Kuri imeli, kanda **Activate** ushyiremo VINI, aho uzagena umubare banga kugira ngo ukoreshe konti.
- Gena umubare banga wa konti yawe hanyuma ukomeze ugene gahunda yawe yo gufata urukingo rwa COVID-19. Inzira yo kugira ngo utangire gukoresha konti yawe **izata agaciro nyuma y’amasaha 24**, urasabwa rero kurema konti yawe byihuse nyuma yo kwakira imeli ya mbere. Igihe inzira ikugeza aho utangira gukoresha konti yawe itaye agaciro mbere yuko wemererwa gutangira gukoresha konti yawe, hamagara 2-1-1 kugira ngo wongere ugene umubare banga.



Kugena Gahunda

Igihe umaze kurema umubare banga wawe na konti, uzahita ubona Paji y’Ikaze ya VINI. Kugira ngo ugene gahunda yo gufata urukingo rwa COVID-19, kurikira aya mabwiriza ari hasi.

Kugena Gahunda y'Ugize Umuryango (igihe ari ngombwa)


- Wemerewe kuzana ugize umuryango (1) kuri gahunda yawe, niba bemerewe gukingirwa muri kimwe mu byiciro bihari. Andikisha uwo mu muryango wawe MBERE yo kugena gahunda yawe. Ibi bikorwa ukanda kuri **Add a Family Member** kuri paji VINI Home y'Ahabanza hanyuma ugakanda **Add a Family Member**. Uzahita unyuzwa mu Cyiciro cyo Kwisuzumisha ndetse no Kwandikisha ugize umuryango wawe. Nyuma yo Kwandikisha ugize umuryango wawe, azashobora kuguhereza kuri gahunda yawe.



- o **Icyitonderwa:** Igihe wandikishije ugize umuryango wawe muri ubu buryo, amatangazo azoherezwa kuri imeli yakoreshejwe mu gufungura konti kuri VINI. Igihe ugize umuryango wawe ahisemo kwipangira gahunda ye yo gukingirwa COVID-19 ndetse ukakira ubutumwa, bakurikirane ubitumye kwiyuzuriza icyiciro cyo kwisuzumisha no kwiyandikisha hakoreshejwe imeli itandukanye n'iyi wakoreshije.

Teganya Gahunda Yawe ya Mbere

- Kanda **Gushyiraho/Gucunga Neza Gahunda** ahanditse **Create/Manage Appointment** ku Ipaji y'Ahabanza ndetse no kuri sikilini ikurikiraho, kanda **Teganya Gahunda** kuri **Schedule Appointment** ahagana hejuru mu kuboko kw'iburyo mu nguni ya sikilini.
- Hitamo **Ubwoko bwa Doze** kuri **Dose Type** nk'ubwo mbere cyangwa **First**.



Clinic Location Name	Clinic Address	Distance	Next Available Appointment	Total number of future slots from the available date
Clinic	New Hampshire 03301	0.64 mi.	03/12/2021	1
Clinic	I, New Hampshire 03301	0.75 mi.	03/12/2021	1

- Hanyuma, winjizemo **Aderesi** cyangwa numero iranga inzu (**ZIP Code**) kugira ngo ushakishe amavuriro ari mu gace uherereyemo. Urutonde rw'amavuriro yujuje ibyo ushakisha azahita agaragara; hitamo ivuriro rimwe hanyuma ukande **See availability** kugira ngo urebe gahunda ziboneka mu gace utuyemo.
- Nyuma yo guhitamo ivuriro wifuza, hitamo itariki n'igihe kikubereye. Niba nta bihe ubona bihari byo guhitamo, reba ku yindi tariki. Nyuma yo guhitamo igihe kikubereye, kanda **Submit**.



- o Niba wifuza kureba gahunda ziboneka mu ivuriro ritandukanye, kanda **Guhindura** kuri **Change** muni y'Amakuru y'Ivuriro ahanditse Clinic Information ibumoso ahagana hejuru kur sikilini.
- o Niba wifuza guhindura amakuru kuri gahunda yawe, kanda **Guhindura Gahunda** kuri **Cancel Appointment** cyangwa **Reschedule Appointment**. Gukanda **Reschedule Appointment** bizakugarura kuri sikilini aho wahisemo Ubwoko bwa Doze kuri Dose Type. Niba uhisemo kwimura gahunda yawe, gahunda yari isanzwe izashobora guhinduka nyuma yuko itariki nshya/igihe cyemejwe.

- Uzahita uyanwa kuri paji yemeza neza gahunda yawe kandi igaragaza amakuru arambuye ya gahunda ndetse na kode shusho (kode QR). Urasabwa kuzazana kode shusho ya QR ya VINI, uyisanga kandi muri imeli yawe yemeza, gahunda yawe, yaba kuri telefoni yawe cyangwa ku rupapuro.
- Hagendewe ku cyiciro cyawe wemerewe, gendera ku rutonde kugira ngo urebe ibyo usabwa kuzitwaza uje kuri gahunda yawe:

- a. **Icyiciro cya 1A:** icyemezo gitangwa n'umukoresha cyangwa inyemezabwishyu igaragaza izina/aho abarizwa ndetse n'uruhushya rwo gitwara ibinyabiziga cyangwa ikindi cyemezo kikuranga kitari uruhushya rwo gutwara

○ **Icyiciro cya 1B:** Kimwe muri ibi bikurikira:


- Uruhushya rwo muri NH rwo gutwara ibinyabiziga rwemewe, kandi rutarangije igihe cyangwa ikindi cyemezo kikuranga kitari uruhushya rwo gutwara.
- Sheki y'umushahara, inyandiko igaragaza urutonde rw'abakozi n'imishahara, cyangwa amasezerano y'akazi agaragaza aderesi ya nyirubwite yemewe muri leta ya New Hampshire, byakozwe mu minsi 60 ishize
- Inyemezabwishyu igaragaza serivise zishyurwa na leta (ni ukuvuga., Ubwiteganyirize), igaragaza aderesi ya nyirubwite yemewe muri leta ya New Hampshire, byakozwe mu minsi 60 ishize

- **Icyiciro cya 2A:** Uruhushya rwo muri NH rwo gutwara ibinyabiziga rwemewe, kandi rutarangije igihe cyangwa ikindi cyemezo kikuranga kitari uruhushya rwo gutwara *NDETSE na kimwe muri ibi bikurikira:*
 - Sheki y'umushahara, inyandiko igaragaza urutonde n'imishahara, cyangwa amasezerano y'akazi ku kigo cy'ishuri, ikigo cyita ku bana, cyangwa ingando y'urubyiruko, byakozwe mu minsi 60 ishize.
 - Ibaruwa y'ikigo cy'ishuri, ikigo cyita ku bana, cyangwa ibaruwa y'ingando y'urubyiruko igaragaza ko wemerewe gukingirwa mu Cyiciro cya 2a.
 - Ikarita iriho ifoto yatanzwe n'ikigo cy'ishuri, ikigo cyita ku bana, cyangwa ingando y'urubyiruko.
 - **Icyiciro cya 2B:** *Kimwe muri ibi bikurikira:*
 - Uruhushya rwo muri NH rwo gutwara ibinyabiziga rwemewe, kandi rutarangije igihe cyangwa ikindi cyemezo kikuranga kitari uruhushya rwo gutwara.
 - Sheki y'umushahara, inyandiko igaragaza urutonde n'imishahara, cyangwa amasezerano y'akazi ku kigo cy'ishuri, ikigo cyita ku bana, cyangwa ingando y'urubyiruko, byakozwe mu minsi 60 ishize.
 - Inyemezabwishyu igaragaza serivise zishyurwa na leta (ni ukuvuga., Ubwitteganyirize), igaragaza aderesi ya nyirubwite yemewe muri leta ya New Hampshire, byakozwe mu minsi 60 ishize.
- Andi makuru akenewe kuri gahunda yawe, harimo ifishi usabwa kuzuza mbere ya gahunda yawe kugira ngo ucuze umwete, azakugeraho muri imeli zikurikira.

Guteganya Gahunda Yawe ya Kabiri (niba ari ngombwa)



Niba uri kwiyandikisha gufata doze ya kabiri y'urukingo rwa COVID-19 (Moderna cyangwa Pfizer), abakozi b'ivuriro bashobora guteganya gahunda yo guterwa doze yawe ya kabiri nyuma yo gusuzuma ko wafashe doze ya mbere. Iyi gahunda izagaragara ku konti yawe ya VINI nyuma yo kwemezwa. Ushobora kandi kwinjira kuri konti yawe ya VINI nyuma yo gufata doze ya mbere kugira ngo uteganye iya kabiri.

Igihe uhisemo guteganya gahunda yawe yo guhabwa doze ya kabiri ubyikoreye ubwawe, injira muri konti yawe ya VINI hanyuma uhitemo gukanda ahanditse **Create & Change My Appointments** ubundi ukande kuri **Schedule Appointment**.



The screenshot shows a web form for scheduling an appointment. It has a search bar at the top. Below it are three main sections: 1. Dose Type (dropdown menu with 'Second' selected), 2. Dose 1 Administration Date (calendar icon and 'Enter a Date' text), and 3. Manufacturer Name (dropdown menu with 'Select Manufacturer' text). At the bottom, there are fields for 'Address or Zipcode' and 'Within' (with a '10 miles' dropdown), and a 'Search' button.

Hitamo **1 Dose Type** kuri **Second**. Niba sisiteme itari kubasha kumenya amakuru amakuru yawe, VINI izahita igusaba guhitamo **2 Dose 1 Administration Date** ndetse na **3 Manufacturer Name**. Niba sisiteme ibashije kumenya amakuru yawe, izahita ikuzanira aya makuru. Gahunda yo guhabwa urukingo rwakoreye mu kigo kimwe n'aho doze y'urukingo wahawe mbere rwakorewe izagaragara mu ishakiro ryawe. Reba imbonerahamwe iri hasi ku makuru arambuye arebana n'igihe wemerewe when you are gahunda yawe yo gufata urukingo rwa kabiri, niba ari ngombwa.

Gahunda ya Mbere		Gahunda ya Kabiri
Uteganyije gahunda yawe ya mbere ku ivuriro rifite urukingo rwa COVID-19 rwa Moderna ku itariki ya 1 Werurwe, 2021 .		Nyuma yo kwakira urukingo rwawe rwa mbere, sisiteme ikwemerera guteganya gahunda yawe ya kabiri ku itariki cyangwa nyuma ya 29 Werurwe, 2021 .
Uteganyije gahunda yawe ya mbere ku ivuriro rifite urukingo rwa COVID-19 rwa Pfizer ku itariki ya 1 Werurwe, 2021 .		Nyuma yo kwakira urukingo rwawe rwa mbere, sisiteme ikwemerera guteganya gahunda yawe ya kabiri ku itariki cyangwa nyuma ya 22 Werurwe, 2021 .

Uteganyije gahunda yawe ya mbere ku ivuriro rifite urukingo rwa COVID-19 rwa Johnson & Johnson ku itariki ya 1 Werurwe, 2021.

Nta kindi gikorwa usabwa gukorwa kuko inkingo rwa COVID-19 Johnson & Johnson zidakenera doze ya kabiri.

- Niba wifuza guhindura cyangwa guhagarika gahunda yawe ya kabiri, ushobora kuja kuri konti yawe, ugakanda **Create/Manage Appointment**, hanyuma ugafata indi gahunda nshya.

Murakoze Cyane – witeguye neza gahunda yo guhabwa urukingo rwa COVID-19!

Niba ufite ibibazo kuri iki gikorwa, hamagara 2-1-1 kugira ngo uhabwe ubufasha.